8/2/2

## Inyandikomvugo y'inama yabereye muri MINALOC

Ku wa gatatu tariki 6 gashyantare habaye inama muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu n'Inimibereho myiza y'Abaturage(MINALOC) igamije ibyingenzi bikurikira :

1. Gahunda y'agateganyo yo gutegura isabukuru y'imyaka 20 ya « jumélage Rhénanie Palatinat- rwanda »
2. Kurebera hamwe ibyakozwe mu myaka ibiri ishyize.

SG ! (1) Kubimenyeshwe (2) Gukora ibikenewe

Inama yayobowe n'Umunyamabanga Mukuru muri MINALOC, Bwana MUSONI Protais akaba yarayifunguye ashimira abayitabiriye by'umwihariko kuko ibikorwa biri imbere byo gutegura isabukuru y'imyaka 20 u Rwanda rwunze ubushuti n'Intara ya rhénanie Palatinat. Muri iyo myaka 20 hakozwe byinshi: amashuri yarubatstwe, amavuriro, za paroisses, amahugurwa, imikino, amatora yabaye , kugoboka abaturage ba Goma,...

Ambassade y'u Rwanda iri Bonn yohereje gahunda y'agatenganyo imaze kuganirwaho n'impande zombi muraza kuyisanga k'umugereka w'iyi raporo, ariko amatariki akomeye ni aya akurikira:

- Kuva tariki 28 kugeza tariki 30 Mata 2002: hateganijwe uruzinduko rwa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika aherekejwe na Minisitiri wa MINALOC muri Rhanine Palatinat bakazabonana kandi n'Abayobozi b'Ubudage.
- Kuva tariki 6 kugeza tariki 13 Kamena 2002: hateganijwe uruzinduko rwa Minisitiri wa MINALOC aherekejwe n'abandi bafatanyije gusura Intara ya Rhénanie Palatinat n'ibikorwa bibera m' Uturere tw'iyo Ntara
- Kuva tariki 3 kugeza tariki 8 Nyakanga 2002 : Minisitiri Perezida w'Intara ya Rhénanie Palatinat azaba ari mu Rwanda kugira ngo yifatanye n'abanyarwanda bose kwizihiza itariki ya 4 Nyakanga y'ibohozwa ry'igihugu.
- Kuva tariki 20/10/2002, Minisitiri Perezida w'Intara ya Rhénanie Palatinat azaba ari mu Rwanda kwizihiza isabukuru y'imyaka 20 habaye jumélage hagati y'u Rwanda n'Intara ya Rhénanie Palatinat. Abaririmbyi n'abakinyi bo bazaza tariki 28/9/2002. Abaririmbyi bazaba bafite « Orchèstre » bakaba bifuza ko barebwa n'abantu benshi. Ibyo birori ahantu hari amzu manini yategabirijwe ibiçrori[ bo(abadage) bavuga ngo bishobotse bikaba byabera no muri Kiliziya kuko zishobora kujyamo abantu barenze 800]

Ibintu nkibi bisaba kubitegurana ubuhanga hagashakishwa n'uburyo buhagije kuko ubufatanye n'ubushuti buri hagati y'Intara ya Rhénanie Palatinat n'u Rwanda ni umwihariko ukwiye kuzirikanwa cyane aka ba ari nayo mpamvu hashyizweho amatsinda akurikira:

Inama rusange yaba igizwe n'abasanzwe bafitanye jumélage na Rhénanie Palatinat hiyongereyemo:

- Présidence
- Primature
- MINAFET
- MINECOFIN
- Uhagarariye uturer tw'u Rwanda(Maire)
- Ingoro y'Umurage w'u Rwanda.

1. **Komite mpuzabikorwa**
   - Présidence : MINALOC
   - Secrétariat: Maison de jumelage
   - Membres : MINAFET, MIJESPOC,MINEDUC,ORINFOR

2. **Komisiyo y'ubusabane, imikino n'imyidagaduro mu rubyiruko**
   - Présidence: MIJESPOC
   - Secrétariat: MIGEPROFE
   - Membres : MINEDUC, NURC, maison de jumelage, Conseil National de la Jeunesse du Rwanda

3. **Komisiyo ya protocole**
   - Présidence : MINAFET
   - Secrétariat : MINALOC
   - Membres : Présidence, Primature, Maison de jumelage

4. **Komisiyo y'imenyekanisha , inyandiko no kwamamaza ibikorwa**
   - Présidnece : MINALOC
   - Membres : Maison de jumélage, MINEDUC,
   - Secrétariat :MINICOM,ORINFOR,Emballage-Rwanda, Fédération du secteur privé, MINISANTE, MINECOFIN, UNR.

5. **komisiyo y'Imari**
   - présidence : MINECOFIN
   - secrétariat : MINISANTE
   - Trésorier : MINALOC
   - membres :MINAFET,MIJESPOC, MINICOM, MINITRACO,Maison de jumelage

6. **Komisiyo ya politiki**
   - présidence: MINALOC
   - secrétariat: IRST
   - membres :Présidence,MINEDUC,MINALOC,MIJESPOC, MINITRACO,MINISANTE,MINIJUST, Maison de jumelage.

Ku ngingo ya kabiri y'ibyari ku rutonde y'ibyigwa hasabwe ko buri Minisiteri yatanga raporo(synthèse) y'ibyakozwe mbere y'uko Nyakubahwa Perezida wa Repubulika ajya mu ruzinduko. Itariki ntarengwa ikaba ari 15/02/2002 ikagezwa muri MINALOC. Inama zikurikira ziteganwije :

- Inama y'amatsinda : tariki 12/2/2002
- Inama rusangi : tariki 20/2/2202

Amatsinda maze gushyirwaho hazakorwa inyandiko zoherezwa muri Minisiteri zose zirebwa n'imilimo yashyizweho kugirango zitange amazina y'abazakurikirana ibyo bikorwa ku buryo buhoraho(permanent). Inama ntanze ku milimo ireba MIJESPOC :

- Komite mpuzabikorwa : RWIGEMA Paterne
- Komite y'ubusabane, imikino n'imyidagaduro : Munyambo Claudien kuko gahunda y'imino yatanzwe n'ubuyobozi bw'imikino.
- Komisiyo ya'Imari : UWIMBABAZI Suzanne
- Komisiyo ya politiki : ~~Rutagwendeka Fidèle~~ Nyirahangiju David

Bikorewe i Kigali, kuwa 07/02/2002
KAYIJUKA Gaspard